REPUBLIKA y'u RWANDA
PREFEGITURA ya KIGALI NGALI
S/PREFEGITURA MURAMBI
KOMINI RUTONGO.-

Rutongo, kuwa 29/01/1999
N° 13/05.17.02

29 JAN 1999
N° 4850

Eridore

Bwana Prefe wa Prefegitura ya
KIGALI NGALI.-

Impamvu: Inama ya Komini.

Bwana Prefe,

Hamwe n'iyi baruwa mbohererereje raporo y'inama ya Komini yabaye kw'itariki ya 11/01/1999.

Mugire amahoro n'akazi keza.

Burugumesitiri wa Komini Rutongo,
SEMUKANYA Antoni

P.o Conseiller Remplaçant
Rubagira Augustin

REPUBLIQUE RWANDAISE COMMUNE RUTONGO

Bimenyeshejwe:
- Bwana S/Prefe wa S/Prefegitura MURAMBI.

REPUBLIKA y'u RWANDA
PREFEGITURA ya KIGALI NGALI
S/PREFEGITURA MURAMBI
KOMINI RUTONGO.-

## Inyandiko-mvugo y'Inama ya Komini
## R U T O N G O.-

Tariki ya 11/01/1999 abagize inama ya Komini barateranye maze bigira hamwe ingengo y'imali y'umwaka wa 1999. Iyo nama yayobowe n'Umuyobozi wa Komini, abajyanama bose bahari ndetse n'umucungamali wa Komini. Basanze umwaka ushize hagereranyijwe amafranga yagombaga kwinjira n'ayinjiye bishyirwa ku kigera cya 88% ni ngombwa rero ko uyu mwaka byazarushaho.

Umucungamali yakomeje asobanura ko ku ngengo y'imali y'uyu mwaka we yateganyije ko hazinjira 24.133.592 FRW, naho azasohoka akaba 22.206.172 FRW. Ariko rero abagize inama nabo bagiye biga kuri buri ngingo, ari izayinjiza cyangwa izayasohoka, maze basanga muri rusange bemeje ko uyu mwaka 1999 ingengo y'imali iteye itya:

- Amafranga azinjizwa : 24.677.109 FRW
- Amafranga azasohoka: 24.596.172 FRW

Ibisobanuro bihagije baya buri cyiciro by'uko iyo ngengo yizwe, bigaragara mu bitabo bya Kontabure (Umucungamali).

Abagize inama bamaze kwiga ingengo y'imali, basuzumye no ku bindi bibazo:

- Aho Député RUTIJANWA Médard yasabye ikibanza cyo gukorera mo umushinga arahemerewe ariko ibiti birimo bya Grevillea bikarihwa.
- Muri GIHOGWE umusilikare wasabye ko inzu y'udahari yakora imirimo yari isigaye yo kuyuzuza akayibamo ariko habanje gukorwa devis, yaremerewe bityo nyirayo yazaza bakayimwereka. Abagize inama basanze n'ahandi byakorwa kr'ubwo buryo kuko Komini ntiyifuza gukomeza kureba izo nzu z'ibirangarira.
- Abagize inama bamenyeshejwe ko hari ikigega cyo kwubakira abatishoboye giteganyijwe kububakira ariko baboneyeho kugaragaza ko ibarura batazi uko ryakozwe kuko abarikoze batabafashije.
- Hakurikiyeho gusuzuma ikibazo cy'Encadreur BWANAKWERI J.M.Vianney yagombaga guha ibisobanuro inama ya Komini bikurikira:
    - Amafranga ya Ballet ya Komini amuherereyeho
    - Imyenda ya Ballet ya Komini idahari
    - Inguzanyo yo muri I.R.C. itishyurwa kandi igihe kigiye kurangira.
    - Gutanga congé muri Ballet bitazwi.

Mu bisobanuro yatanze, byose yarabyemeye ariko kuwa gatanu tariki ya 15/01/1999 akaba agomba kurangiza ikibazo cy'amafranga ya Ballet ya

Ibyo byaba bidakozwe abagize inama bahaye uburenganzira Burugumesitiri bwo kuzamwandikira ibaruwa imusezerera.

Naho ku byerekeye inguzanyo afitiye I.R.C. yemeye ko atishyuye koko ariko ko yiyemeje ko bitazarenza igihe cyategenyijwe cyo kurangiza kwishyura atayatanze, twakwibutsa kandi ko yagombaga kugenda yishyura buri kwezi nk'uko amasezerano aba ateye.

Abagize inama batashye bihaye umugambi wo kurushaho kumenya ibibera mu ma Segiteri bashinzwe ndetse n'ibigamijwe, uyu mwaka batangiye ukababera uw'ibikorwa uwo kwivugurura buri wese.

Inama yarangiye saa kumi n'igice.

Umwanditsi w'inama:
Konseye NSENGIYUMVA J.Paul
P.O RUZIGANA Straton
FAB APAJ

Burugumesitiri wa Komini
SEMUKANYA Antoni.
P.O Conseiller Remplaçant
Rubayiza Augustin